AMABWIRIZA Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 YO KU WA 26/07/2016 YEREKEYE IYAMAMAZA RIKORWA N'ABACURUZA SERIVISI Z'ITUMANAHO	REGULATION Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 OF 26/07/2016 ON PROMOTION BY TELECOMMUNICATION OPERATORS	RÈGLEMENT Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 DU 26/07/2016 RELATIF À LA PROMOTION PAR LES OPÉRATEURS DE TÉLÉCOMMUNICATION
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije	**Article One: Purpose of this regulation**	**Article premier: Objet du présent règlement**
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2: Définitions**
Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza	**Article 3: Scope of this regulation**	**Article 3: Champ d'application du présent règlement**
Ingingo ya 4: Intego z'aya mabwiriza	**Article 4: Objectives of this regulation**	**Article 4: Objectifs du présent règlement**
UMUTWE WA II: UBURYO BUKURIKIZWA N'IBISABWA MU KWAMAMAZA	**CHAPTER II: PROCEDURE AND REQUIREMENTS FOR PROMOTIONS**	**CHAPITRE II: PROCÉDURE ET CONDITIONS DE PROMOTIONS**
Ingingo ya 5: Ikigamijwe mu kwamamaza	**Article 5: Intent of promotion**	**Article 5: Intention de promotion**
Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo habeho kwamamaza	**Article 6: Requirements for promotion**	**Article 6: Conditions requises pour la promotion**

Ingingo ya 7: Ibisabwa mu gutangiza ibikorwa byamamaza	**Article 7: Requirements for launching promotions**	**Article 7: Conditions de lancement des promotions**
Ingingo ya 8: Ibikubiye mu nyandiko itanga ibisobanuro	**Article 8: Content of descriptive report**	**Article 8: Contenu d'un rapport descriptif**
Ingingo ya 9: Gutanga inyandiko ikubiyemo ibisobanuro	**Article 9: Submission of a descriptive report**	**Article 9: Soumission d'un rapport descriptif**
Ingingo ya 10: Igisubizo cy'Urwego Ngenzuramikorere ku nyandiko ikubiyemo ibisobanuro	**Article 10: Response of the Regulatory Authority on the descriptive report**	**Article 10: Réaction de l'Autorité de Régulation sur un rapport descriptif**
Ingingo ya 11: Kwemeza dosiye isaba	**Article 11: Approval of the application**	**Article 11: Approbation de la demande**
Ingingo ya 12: Uburyo bwo gusaba kwamana	**Article 12: Procedure to apply for promotion**	**Article 12: Procédure de demander la promotion**
Ingingo ya 13: Gusubiza ubusabe bwo kwamamaza	**Article 13: Response to the application for promotion**	**Article 13: Réponse à la demande de promotion**
Ingingo ya 14: Ibikubiye mu cyemezo cyo kwamamaza	**Article 14: Content of decision of promotion**	**Article 14: Contenu de la décision de promotion**
UMUTWE WA III: IYAMAMAZA RYA SERIVISI N'IBICURUZWA	**CHAPTER III: PROMOTION OF SERVICES AND PRODUCTS**	**CHAPITRE III: PROMOTION DES SERVICES ET DES PRODUITS**
Ingingo ya 15: Serivisi	**Article 15: Services**	**Article 15: Services**
Ingingo ya 16: Ibiciro byo kwamamaza	**Article 16: Promotional tariff**	**Article 16: Tarif promotionnel**
Ingingo ya 17: Igihe kwamamaza bimara	**Article 17: Duration of the promotion**	**Article 17: Durée de la promotion**

UMUTWE WA IV: IYAMAMAZA RY'IBICURUZWA NA SERIVISI	**CHAPTER IV: ADVERTISEMENTS OF PRODUCTS AND SERVICES**	**CHAPITRE IV: PUBLICITÉS DES PRODUITS ET DES SERVICES**
Ingingo ya 18: Uburyo bwo kwamamaza	**Article 18: Methods of advertising**	**Article 18: Modalités de publicité**
Ingingo ya 19: Kwamamaza hifashishijwe imiterere y'ibiciro n'amakuru byo ku rwego rwo hejuru	**Article 19: Advertising with complicated price structures and information**	**Article 19: Publicité avec des structures de prix et informations complexes**
Ingingo ya 20: Kwamamaza mu buryo bugereranya imikorere	**Article 20: Comparative advertising**	**Article 20: Publicité comparative**
UMUTWE WA V: KUGENZURA IYUBAHIRIZWA	**CHAPTER V: MONITORING OF COMPLIANCE**	**CHAPITRE V: CONTRÔLE DE LA CONFORMITÉ**
Ingingo ya 21: Gutesha agaciro iyamamaza	**Article 21: Cancellation of promotion**	**Article 21: Annulation de promotion**
Ingingo ya 22: Guhagarika kwamamaza	**Article 22: Cessation of promotion**	**Article 22: Cessation de promotion**
Ingingo ya 23: Ingaruka zo gutesha agaciro cyangwa guhagarika iyamamaza	**Article 23: Effects of cancellation or cessation of promotion**	**Article 23: Effets de l'annulation ou de la cessation**
UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO BYAYO	**CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE FAULTS ND THEIR SANCTIONS**	**CHAPITRE VI: FAUTES ADMINISTRATIVES ET LEURS SANCTIONS**
Ingingo ya 24: Kwamamaza mu buryo budateganyijwe	**Article 24: Defaulting in promotions**	**Article 24: Défaillance lors de promotion**
Ingingo ya 25: Kutubahiriza icyemezo cyangwa umurongo ngenderwaho byo kwamamaza	**Article 25: Non-compliance with an order or a directive relating to promotion**	**Article 25: Manquement à une décision ou une directive concernant la promotion**

Ingingo ya 26: Gutanga amakuru atari ay'ukuri cyangwa ayobya	**Article 26: Provide false or misleading information**	**Article 26: Fourniture des informations falsifiées ou trompeuses**
UMUTWE WA VII: UBUBASHA BWO GUHANA AMAKOSA N'UBUJURIRE	**CHAPTER VII: POWERS TO IMPOSE SANCTIONS AND APPEAL**	**CHAPITRE VII: POUVOIRS D'INFLIGER LES SANCTIONS ET LES RECOURS**
Ingingo ya 27: Ububasha bwo guhana amakosa	**Article 27: Powers to impose sanctions**	**Article 27: Pouvoirs d'infliger les sanctions**
Ingingo ya 28: Uburenganzira bwo kujurira	**Article 28: Right of appeal**	**Article 28: Droit de recours**
Ingingo ya 29: Inzira zo kujurira	**Article 29: Procedure for appeal**	**Article 29: Voies de recours**
UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VIII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'amabwiriza n'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**Article 30: Repealing provision**	**Article 30: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 31: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa	**Article 31: Commencement**	**Article 31: Entrée en vigueur**

AMABWIRIZA Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 YO KU WA 26/07/2016 YEREKEYE IYAMAMAZA RIKORWA N'ABACURUZA SERIVISI Z'ITUMANAHO	**REGULATION Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 OF 26/07/2016 ON PROMOTION BY TELECOMMUNICATION OPERATORS**	**RÈGLEMENT Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 DU 26/07/2016 RELATIF À LA PROMOTION PAR LES OPÉRATEURS DE TÉLÉCOMMUNICATION**
Inama Ngenzuramikorere y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Kugenzura Imikorere y'Inzego Zimwe z'Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro;	**The Regulatory Board of Rwanda Utilities Regulatory Authority;**	**Le Conseil de Régulation de l'Autorité Rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique;**
Ishingiye ku Itegeko n° 09/2013 ryo ku wa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;	Pursuant to Law nº 09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organisation and functioning, especially in Article 4;	Vu la Loi nº 09/2013 du 01/03/2013 portant création de l'Autorité Rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 4;
Ishingiye ku Itegeko n° 24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho;	Pursuant to Law n° 24/2016 of 18/06/2016 governing Information and Communication Technologies;	Vu la Loi n° 24/2016 du 18/06/2016 régissant les Technologies de l'Information et de la Communication;
Ishingiye ku Iteka rya Perezida n° 04/01 ryo ku wa 15/03/2004 rigena inshingano zihariye z'Inama Ngenzuramikorere mu byerekeye Itumanaho, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;	Pursuant to Presidential Order n° 04/01 of 15/03/2004 determining specific duties of the Regulatory Board in Telecommunications matters, especially in Article 3;	Vu l'Arrêté Présidentiel n° 04/01 du 15/03/2004 déterminant les fonctions spécifiques du Conseil de Régulation en matières des télécommunications, spécialement en son article 3;
Isubiye ku Mabwiriza n° 002/RURA/2011 yo ku wa 06 Gicurasi 2011 yerekeye ibikorwa byo	Having reviewed Regulation n° 002/RURA/2011 of 06th May 2011 on	Revu le Règlement n° 002/RURA/2011 du 06 mai 2011 relatif aux promotions par les

kwamamaza bikorwa n'abacuruza itumanaho;	promotions by telecommunications operators;	opérateurs de télécommunications;
Ishingiye ku myanzuro yafatiwe mu nama nyunguranabitekerezo yateranye ku wa 10/05/2016 hagati ya RURA n'abafatanyabikorwa mu rwego rw'Ikoranabuhanga mu Itangazabumennyi n'Itumanaho (ICT) hagamijwe imitangire myiza ya serivisi;	Based on the recommendations made during the consultative meeting held on 10/05/2016 between RURA and stakeholders in Information and Communication Technologies (ICT) industry for a better service delivery;	Sur base des recommandations formulées lors de la réunion consultative tenue le 10/05/2016 entre RURA et les différents partenaires dans l'industrie des Technologies de l'Information et de la Communication (ICT) pour une meilleure prestation de service;
Nyuma yo kubifataho umwanzuro mu nama yayo yo ku wa 26 Nyakanga 2016;	After deliberation in its meeting of 26th July 2016;	Après délibération dans sa réunion du 26 juillet 2016;
ISHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:	**ISSUES THE FOLLOWING REGULATION:**	**ÉDICTE LE RÈGLEMENT SUIVANT:**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije	**Article One: Purpose of this regulation**	**Article premier: Objet du présent règlement**
Aya mabwiriza ashyiraho uburyo ngenzuramikorere butuma abacuruza serivisi z'itumanaho bamamaza serivisi cyangwa ibicuruzwa byabo mu buryo bunyuze mu mucyo kandi bwubahiriza ihiganwa mu Rwanda.	This regulation establishes a regulatory framework for telecommunication operators to promote services or products in a fair and competitive manner in Rwanda.	Le présent règlement établit un cadre réglementaire permettant aux opérateurs de télécommunication de promouvoir des services ou des produits d'une manière juste et compétitive au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2: Définitions**
Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this regulation, the following terms have the following meanings:	Dans le présent règlement, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:
1° **kwamamaza:** ubutumwa bwose bugizwe n'amakuru agenzurwa ku buryo buziguye cyangwa butaziguye n'uwamamaza, buvuzwe mu rurimi urwo ari rwo rwose kandi butangarijwe abaguzi mu gitangazamakuru icyo ari cyo cyose hagamijwe kugira ijambo ku mahitamo bakora, ibitekerezo batanga cyangwa imyitwarire yabo;	1° **advertisement:** any message, the content of which is controlled directly or indirectly by the advertiser, expressed in any language and communicated in any media to consumers with the intent to influence their choice, opinion or behaviour;	1° **publicité:** tout message dont le contenu est contrôlé directement ou indirectement par l'annonceur, exprimé dans n'importe quelle langue et communiqué sur tout support multimédia aux consommateurs dans le but d'influencer leur choix, leur opinion ou leur comportement;
2° **imikino y'amahirwe:** umukino wose w'amahirwe ukinwa hakoreshejwe utubumbe tw'impande nyinshi, amatike,ibikoresho cyangwa ibintu byose bikoresha ingufu za mekanike, iz'amashanyarazi cyangwa elegitoroniki cyangwa imashini y'amafaranga, umutungo, sheki, igurizwa cyangwa ikarita y'igurizwa cyangwa ikintu cyose gisimbura agaciro;	2° **gaming:** any game of chance played with cards, dices, tickets, equipment or any mechanical, electronic or electromechanical device or machine for money, property, checks, credit or credit card or any representative of value;	2° **jeu de hasard:** tout jeu de hasard joué avec des cartes, des dés, des billets, du matériel ou tout appareil ou machine mécanique, électronique ou électromécanique, notamment de l'argent, des biens, des chèques, des crédits, des cartes de crédit ou toute autre représentation de valeur;
3° **uruhushya:** inyandiko yemewe n'amategeko itangwa n'Urwego Ngenzuramikorere iha uburenganzira n'inshingano ukora imirimo igenzurwa;	3° **license:** a legal document issued by the Regulatory Authority granting rights and imposing obligations to the operator of regulated activities;	3° **licence:** un document légal octroyé par l'Autorité de Régulation accordant des droits et imposant des obligations à l'opérateur des activités réglementées;

4° **uwahawe uruhushya:** umuntu ku giti cye cyangwa ikigo bafite uruhushya rugifite agaciro rwatanzwe n'Urwego Ngenzuramikorere;	4° **licensee:** any natural or legal person holding a valid license issued by the Regulatory Authority;	4° **titulaire de licence:** toute personne physique ou morale titulaire d'une licence valide, délivrée par l'Autorité de Régulation;
5° **icyemezo:** uruhushya Urwego Ngenzuramikorere ruha mu nyandiko ucuruza serivisi z'itumanaho cyangwa uwahawe uruhushya rwo gukora igikorwa cyo gutangiza kwamamaza serivisi cyangwa ibicuruzwa azanirwa hakurikijwe uruhushya yahawe;	5° **permit:** the permission granted by the Regulatory Authority in writing to a telecommunication operator or licensee to conduct a promotion campaign of the services or goods delivered under its license;	5° **permis:** la permission écrite accordée par l'Autorité de Régulation à un opérateur de télécommunication ou à un titulaire de licence de mener une campagne de promotion des services ou produits livrés sous sa licence;
6° **iyamamaza:** ubutumwa bwose bw'uwamamaza bugizwe n'amakuru agenzurwa ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, butangwa mu rurimi urwo ari rwo rwose kandi butangarijwe abaguzi mu gitangazamakuru icyo ari cyo cyose hagamijwe kugira ijambo ku mahitamo bakora, ibitekerezo batanga cyangwa imyitwarire yabo hagamijwe kubona igihembo cyangwa inyungu bisangiwe;	6° **promotion:** any message, content of which is controlled directly or indirectly by the advertiser, expressed in any language and communicated in any media to consumers with the intent to influence their choice, opinion or behaviour in order to get a shared reward or benefit;	6° **promotion:** tout message dont le contenu est contrôlé directement ou indirectement par l'annonceur, exprimé dans n'importe quelle langue et communiqué sur tout support multimédia aux consommateurs dans le but d'influencer leur choix, leur opinion ou leur comportement de manière à obtenir une récompense ou un profit partagé;
7° **Urwego Ngenzuramikorere:** Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;	7° **Regulatory Authority:** Rwanda Utilities Regulatory Authority;	7° **Autorité de Régulation:** l'Autorité Rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique;
8° **ucuruza serivisi z'itumanaho:** abacuruzi bose bo mu rwego	8° **telecommunication operator:** all operators in telecommunication	8° **opérateur de télécommunication:** tous les opérateurs du secteur des

rw'itumanaho bafite uruhushya rugifite agaciro kugira ngo bakorere ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda;	industry holding a valid license to operate in Republic of Rwanda;	télécommunications titulaires d'une licence valide pour opérer en République du Rwanda;
9° **umwaka:** amezi cumi n'abiri (12) asanzwe.	9° **year:** twelve (12) calendar months.	9° **an:** douze (12) mois calendriers.
Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza	**Article 3: Scope of this regulation**	**Article 3: Champ d'application du présent règlement**
Aya mabwiriza areba abantu bose bakoresha serivisi z'itumanaho kandi bagira uruhare cyangwa bifuza kugira uruhare mu gikorwa cyose cyo kwamamaza.	This regulation applies to all telecommunications operators that are engaged in or are about to be engaged in any promotional exercise.	Le présent règlement s'applique à tous les opérateurs de télécommunications qui participent ou envisagent de participer à tout exercice de promotion.
Umukino w'amahirwe ntugengwa n'aya mabwiriza.	Gaming is not subject to this regulation.	Le jeu de hasard n'est pas régi par le présent règlement.
Ingingo ya 4: Intego z'aya mabwiriza	**Article 4: Objectives of this regulation**	**Article 4: Objectifs du présent règlement**
Intego z'aya mabwiriza ni izi zikurikira:	The objectives of this regulation are the following:	Les objectifs du présent règlement sont les suivants:
1° kugenzura imyitwarire mbonezamuco n'ibipimo byemewe byo kwamamaza;	1° to ensure ethical conduct and acceptable standards for promotions;	1° assurer une conduite d'éthique et des normes acceptables pour les promotions;
2° gushyiraho ibisabwa n'ibipimo ngenderwaho bisobanutse kandi ntarengwa bijyanye n'ibikorwa byamamaza bikorwa n'abakoresha serivisi z'itumanaho bemewe	2° to set clear and minimum requirements and standards for matters related to promotions by the licensed operators governed by this regulation;	2° fixer des conditions et des normes claires et minimales pour les questions liées aux promotions des opérateurs agréés régis par le présent règlement;

bagengwa n'aya mabwiriza; 3° kurinda no guteza imbere inyungu cyangwa uburenganzira by'abaguzi; 4° gukumira imyitwarire n'imikorere inyuranye n'ipiganwa ishobora kuba ihishe mu bikoresho byamamaza ibyo ari byo byose.	3° to protect and promote consumer interests or rights; 4° to prevent any possible anti-competitive behaviour and practice that may be hidden in any promotional package.	3° protéger et promouvoir les intérêts ou les droits des consommateurs; 4° prévenir tout comportement et pratique anticoncurrentiels pouvant être dissimulés dans un matériel promotionnel quelconque.
UMUTWE WA II: UBURYO BUKURIKIZWA N'IBISABWA MU KWAMAMAZA	**CHAPTER II: PROCEDURE AND REQUIREMENTS FOR PROMOTIONS**	**CHAPITRE II: PROCÉDURE ET CONDITIONS DE PROMOTIONS**
Ingingo ya 5: Ikigamijwe mu kwamamaza Igikorwa cyose cyo kwamamaza kigomba kuba kigamije kwegereza abakiliya hafi y'uwahawe uruhushya bireba kugira ngo babone serivisi iboneye ijyanye n'ikiguzi cya serivisi cyangwa igicuruzwa cyamamazwa.	**Article 5: Intent of promotion** All promotional exercise must have the intention of bringing the customers closer to the concerned licensee in order to get effective service value for money, which is the subject of promotion.	**Article 5: Intention de promotion** Tout exercice promotionnel doit avoir l'intention de rapprocher les clients du titulaire de licence concerné afin d'obtenir un service efficace en rapport avec le prix qui fait l'objet de la promotion.
Ingingo ya 6: Ibisabwa kugira ngo habeho kwamamaza Uwahawe uruhushya wese wifuza gutangira kwamamaza serivisi cyangwa ibicuruzwa agomba kuzuza ibisabwa bikurikira: 1° gukora ku buryo nta mafaranga asabwa kugira ngo umuntu yemererwe kugezwaho ibikorwa byo kwamamaza;	**Article 6: Requirements for promotion** Any licensee intending to carry out promotion of services or product must fulfil the following: 1° to ensure that there is no access fees required to opt-in;	**Article 6: Conditions requises pour la promotion** Tout titulaire de licence ayant l'intention de promouvoir des services ou des produits doit remplir les conditions suivantes: 1° assurer qu'aucun frais d'accès n'est requis pour la souscription;

2° gukora ku buryo umuguzi abona inyungu yizeye nabyitabira;	2° to ensure that the consumer is sure to benefit for opting in;	2° veiller à ce que le consommateur profite pleinement de son adhésion;
3° gusaba kwemererwa n'Urwego Ngenzuramikorere mbere yo gutangiza serivisi cyangwa ibicuruzwa;	3° to seek for the Regulatory Authority approval before launching the service or products;	3° chercher l'approbation de l'Autorité de Régulation avant de lancer le service ou les produits;
4° gukora ku buryo kwamamaza biba ibikorwa byo kwizerwa bigamije guhemba abakiliya;	4° to ensure that promotions are trustworthy programs to reward customers;	4° s'assurer que les promotions sont des programmes de fidélité pour récompenser les clients;
5° gukora ku buryo ibikorwa byo kwamamaza biba mu mucyo, bivugisha ukuri kandi ntibibogame.	5° to ensure that promotions are transparent, fair and truthful.	5° s'assurer que les promotions sont transparentes, justes et véridiques.
Ingingo ya 7: Ibisabwa mu gutangiza ibikorwa byamamaza	**Article 7: Requirements for launching promotions**	**Article 7: Conditions de lancement des promotions**
Uwahawe uruhushya uri mu nzira zo gutangiza kwamamaza serivisi cyangwa ibicuruzwa agomba kuzuza ibisabwa bikurikira:	The licensee who is under process of launching promotion of the services or products must meet the following requirements:	Le titulaire de licence qui est en train de lancer la promotion des services ou des produits doit remplir les conditions suivantes:
1° gukora uko ashoboye umuyoboro akoresha ukagira ubushobozi bwo kwakira urujya n'uruza rw'ubutumwa rushobora guterwa n'ibikorwa byo kwamamaza;	1° to ensure that its network is capable of sustaining the traffic that may be generated from such promotion;	1° s'assurer que son réseau est capable de supporter le trafic pouvant être généré par cette promotion;
2° kugena igihe, umwanya bimara, itariki n'intera igikorwa cyo kwamamaza kiberaho n'itariki yo guhabwa inyungu ziva mu kwamamaza;	2° to specify the time, duration, date and range of such promotion and the date of redemption of such promotional benefits;	2° spécifier le temps, la durée, la date et l'étendue de cette promotion et la date de rachat de ces avantages promotionnels;

3° kugaragaza amahirwe ahabwa abahawe uruhushya rwo gutanga ibicuruzwa na serivisi ku bisabwa byagaragajwe. Iyo ibicuruzwa na serivisi bigemurwa bidahagije cyangwa se iyo uwahawe uruhushya atabasha guhaza isoko ku bakeneye ibicuruzwa na serivisi, icyo gihe bigomba gushyirwa muri raporo no kuvugwa mu gikoresho cy'itumanaho cyifashishijwe mu kwamamaza;	3° to represent the licensees' opportunity to provide the products and services at the terms presented. If the supply of the products and services are limited, or the licensee can fulfil only limited demand, this must be clearly captured in the report and stated in the communication medium for the promotion;	3° représenter l'opportunité offerte aux titulaires de licence de fournir des produits et des services dans des conditions présentées. Si l'offre de produits et de services est limitée ou si le titulaire de licence ne peut satisfaire qu'une demande limitée, cela doit être clairement consigné dans le rapport et spécifié dans le moyen de communication utilisé pour la promotion;
4° kugaragaza abafatabuguzi bagenderewe mu kwamamaza herekanwa neza niba kwamamaza bigenewe abafatabuguzi bashya cyangwa abafatabuguzi basanzwe;	4° to specify the target subscribers for the promotion by clearly indicating if it targets new subscribers or existing subscribers;	4° spécifier les abonnés cibles de la promotion en indiquant clairement si la promotion cible des nouveaux abonnés ou des abonnés existants;
5° kwerekana niba ibicuruzwa cyangwa serivisi byamamazwa biboneka gusa mu gace k'ahantu hihariye cyangwa ku itsinda ry'abakiliya;	5° to indicate if the products or services subjects to promotion are available to only a particular geographical region or a group of customers;	5° indiquer si des produits ou des services faisant l'objet d'une promotion ne sont disponibles que pour une région géographique ou un groupe de clients particulier;
6° gukora ku buryo nta busumbane bugaragara hagati y'uduce mu gihe utanga serivisi agurisha ku giciro cyo kwamamaza ku bakiliya be atibanda ku buryo budakwiye ku baguzi bo mu gace k'ahantu hihariye;	6° to ensure a geographical balance while offering its promotional sales to its consumers without an undue concentration on consumers in a particular geographical location;	6° assurer un équilibre géographique tout en offrant ses ventes promotionnelles à ses consommateurs sans se concentrer injustement sur les consommateurs d'un lieu géographique donné;

7° kumenyesha neza kandi ku buryo bunoze abafatabuguzi amategeko n'amabwiriza rusange agenga ibikorwa byo kwamamaza;	7° to communicate clearly and effectively to the subscribers all relevant terms and conditions of the promotions;	7° communiquer clairement et efficacement aux abonnés toutes les conditions générales des promotions;
8° kugenzura ko ibicuruzwa runaka cyangwa serivisi zivugwa cyangwa zamamajwe zidatandukanye mu gihe hari ibyiciro cyangwa ibicuruzwa byihariye;	8° to ensure that the specific items or services portrayed or promised are not varied in the event of certain categories or specific products;	8° veiller à ce que les articles ou services spécifiques décrits ou promis ne varient pas dans le cas de certaines catégories ou produits spécifiques;
9° kugira uburyo n'ubushobozi bwo gutanga ibimenyetso bijyanye n'ibyo abakiliya batishimiye cyangwa n'ibyo agaragaza mu iyamamaza kandi Urwego Ngenzuramikorere rufite ububasha bwo gutegeka ko hakorwa raporo y'ubushakashatsi cyangwa amakuru y'uwahawe uruhushya hagamijwe kugaragaza ikimenyetso cyabyo.	9° to have the means and be able to prove any claim or representation in a promotion and the Regulatory Authority has the discretion to demand for any survey report or data from the licensee for purposes of proving the same.	9° avoir les moyens et la capacité de prouver toute réclamation ou représentation dans une promotion et l'Autorité de Régulation a le pouvoir discrétionnaire d'exiger tout rapport d'enquête ou toute donnée du titulaire de licence afin de le prouver.
Ingingo ya 8: Ibikubiye mu nyandiko itanga ibisobanuro	**Article 8: Content of descriptive report**	**Article 8: Contenu d'un rapport descriptif**
Mbere yo gutangiza igikorwa cyo kwamamaza serivisi cyangwa igicuruzwa, uwahawe uruhushya agomba gutanga inyandiko ikubiyemo ibisobanuro igaragaza amakuru akurikira:	Before the launch of promotion of service or product, the licensee must submit a descriptive report indicating the following information:	Avant le lancement de la promotion du service ou du produit, le titulaire de licence doit soumettre un rapport descriptif qui contient des informations suivantes:

1° inyandiko igaragaza ubushake bwo kwamamaza;	1° a statement of intention for the promotion;	1° une déclaration d'intention pour la promotion;
2° ingaruka rusange iyamamaza rigira ku mitangire ya serivisi ku wahawe uruhushya bireba;	2° the general impact of the promotion on the concerned licensee's service provision;	2° l'impact général de la promotion sur la prestation de service du titulaire de licence concerné;
3° ingaruka ku miterere y'ireme rya serivisi yagenwe n'Urwego Ngenzuramikorere;	3° the impact on the Quality of Service parameters set by the Regulatory Authority;	3° l'impact sur les paramètres de qualité de service définis par l'Autorité de Régulation;
4° ingaruka ku gipimo cy'ireme rya serivisi ryagenwe n'Urwego Ngenzuramikorere;	4° the impact on grade of service set by the Regulatory Authority;	4° l'impact sur la qualité de service défini par l'Autorité de Régulation;
5° ikimenyetso cy'iyubahirizwa ry'ibipimo ngenderwaho ku bwoko bwagenzuwe n'Urwego Ngenzuramikorere;	5° a proof of compliance with the Regulatory Authority's type-approved standards;	5° une preuve de conformité aux normes de types approuvées par l'Autorité de Régulation;
6° gusobanura niba kwamamaza bikorwa mu buryo bw'igereranya;	6° to state if the promotion includes or relates to comparative advertising;	6° indiquer si la promotion inclut ou concerne la publicité comparative;
7° ingaruka iyamamaza rigira ku burenganzira bw'ibanze n'inshingano by'abaguzi harimo, umutekano, ubuzima bwite, amakuru, amahitamo byose bikaba kugira ngo habeho gukorera mu mucyo mu mitangire ya serivisi;	7° the impact of the promotion on the basic consumer rights and obligations including, safety, privacy, information, choice all in the interest of transparency in service delivery;	7° l'impact de la promotion sur les droits et obligations fondamentaux des consommateurs, y compris, la sécurité, à la vie privée, à l'information et au choix, dans un souci de transparence des prestations de services;
8° kugaragaza amahitamo y'umukiliya;	8° to indicate the customer options;	8° indiquer les options du client;

9° kwerekana niba uwahawe uruhushya akeneye umutungo udahagije nka nimero cyangwa imibare y'ibanga kugira ngo ashimangire ko yubahirije ibyo yajyaga abagenera.	9° to outline if the licensee requires any scarce resources such as numbers or codes with a view of confirming any compliance with earlier allocations.	9° indiquer si le titulaire de la licence a besoin de ressources rares telles que des numéros ou des codes afin de confirmer le respect des attributions antérieures.
Ingingo ya 9: Gutanga inyandiko ikubiyemo ibisobanuro	**Article 9: Submission of a descriptive report**	**Article 9: Soumission d'un rapport descriptif**
Inyandiko ikubiyemo ibisobanuro igomba gushyikirizwa Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngenzuramikorere mbere yo gutangaza igikorwa cyo kwamamaza ibicuruzwa na serivisi.	A descriptive report must be submitted to the Director General of the Regulatory Authority prior to the publication of any promotion of products and services.	Un rapport descriptif doit être soumis au Directeur Général de l'Autorité de Régulation avant la publication de toute promotion de produits et services.
Inyandiko ikubiyemo ibisobanuro igomba gutangwa mu buryo buhuye n'umugereka w'aya mabwiriza.	The descriptive report must be presented as per annex of this regulation.	Le rapport descriptif doit être présenté conformément à l'annexe du présent règlement.
Ifishi ikoreshwa iboneka ku rubuga rwa interineti rw'Urwego Ngenzuramikorere kuri aderesi www.rura.rw.	The form to be used is available to the Regulatory Authority's website at www.rura.rw.	Le formulaire à utiliser est disponible sur le site Web de l'Autorité de Régulation à l'adresse www.rura.rw.
Ingingo ya 10: Igisubizo cy'Urwego Ngenzuramikorere ku nyandiko ikubiyemo ibisobanuro	**Article 10: Response of the Regulatory Authority on the descriptive report**	**Article 10: Réaction de l'Autorité de Régulation sur un rapport descriptif**
Nyuma yo kwakira ibisobanuro, Urwego Ngenzuramikorere rugira icyo ruyivugaho, rukamenyesha uwahawe uruhushya uko rubibona.	After receiving the descriptive report, the Regulatory Authority must react and communicate to the licensee the outcome of the assessment of the report.	Après la réception du rapport descriptif, l'Autorité de Régulation doit réagir et communiquer la suite au titulaire de licence.

Mu gihe hari ikibazo gifitanye isano no kwamamaza kandi gikeneye kubonerwa igisubizo, Urwego Ngenzuramikorere rusaba mu nyandiko uwahawe uruhushya kugaragaza uburyo azakemura icyo kibazo.	In case there is a concern in relation to promotion to be addressed, the Regulatory Authority requests by writing the licensee to remedy that situation.	En cas de problème lié à la promotion auquel il faut remédier, l'Autorité de Régulation demande, par écrit, au titulaire de licence de remédier à cette situation.
Urwego Ngenzuramikorere rushobora gukorana inama isanzwe n'uwahawe uruhushya bireba mbere yo gutangaza icyemezo rwafashe.	The Regulatory Authority may seek for a formal meeting with the concerned licensee prior to issuing its decision.	L'Autorité de Régulation peut demander une réunion formelle avec le titulaire de la licence avant de rendre sa décision.
Ingingo ya 11: Kwemeza dosiye isaba	**Article 11: Approval of the application**	**Article 11: Approbation de la demande**
Kugira ngo dosiye isaba kwamamaza yemezwe, Urwego Ngenzuramikorere rwita kuri ibi bikurikira: 1° isuzuma rya raporo ikubiyemo ibisobanuro n'inyandiko bifitanye isano; 2° isuzuma ry'inyungu z'abaguzi, ubuzima rusange, umutekano, n'ibibazo birebana n'ibidukikije; 3° isuzuma ry'ingaruka igikorwa giteganyijwe cyo kwamamaza kizagira ku bukungu n'imibereho myiza y'abaturage;	To approve the application for promotion, the Regulatory Authority takes into consideration the following: 1° evaluation of the descriptive report and related documents; 2° evaluation of the interest of consumers, public health, safety, and environmental issues; 3° evaluation of the social and economic impacts of the proposed promotion;	Pour approuver la demande de promotion, l'Autorité de Régulation prend en compte les suivants: 1° évaluation du rapport descriptif et des documents connexes; 2° évaluation des intérêts des consommateurs, de la santé publique, de la sécurité et des problèmes environnementaux; 3° évaluation des impacts sociaux et économiques de la promotion envisagée;

4° isuzuma ry'ingamba nyoroshyo hagamijwe koroshya ibibazo byagaragajwe;	4° evaluation of mitigation measures to alleviate any problems identified;	4° évaluation des mesures d'atténuation visant à résoudre les problèmes identifiés;
5° isano iri hagati y'igikorwa giteganyijwe cyo kwamamaza ugereranyije na politiki n'ingamba zisanzwe mu gihugu, amategeko n'amabwiriza yo mu rwego rw'Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho.	5° relationship of the proposed promotion vis-à-vis the existing national policies and strategies, laws and regulation in Information and Communication Technologies sector.	5° relation entre la promotion proposée et les politiques, stratégies, lois et règlements nationaux en vigueur dans le secteur de Technologies de l'Information et de la Communication.
Ingingo ya 12: Uburyo bwo gusaba kwamana	**Article 12: Procedure to apply for promotion**	**Article 12: Procédure de demander la promotion**
Uwahawe uruhushya wifuza kwamamaza ibicuruzwa cyangwa serivisi agomba kubisaba Urwego Ngenzuramikorere akoresheje ikoranabuhanga.	Any licensee intending to conduct promotion of products or services must submit an electronic request to the Regulatory Authority.	Tout titulaire de licence ayant l'intention de promotion des produits ou des services doit adresser une demande électronique à l'Autorité de Régulation.
Ingingo ya 13: Gusubiza ubusabe bwo kwamamaza	**Article 13: Response to the application for promotion**	**Article 13: Réponse à la demande de promotion**
Urwego Ngenzuramikorere rugomba kuba rwamusubije mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi ubusabe bwakiriweho.	Regulatory Authority must reply in a period not exceeding three (3) working days from the date of reception of the application.	L'Autorité de Régulation doit répondre dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables comptés à partir de la réception de la demande.

Ingingo ya 14: Ibikubiye mu cyemezo cyo kwamamaza	**Article 14: Content of decision of promotion**	**Article 14: Contenu de la décision de promotion**
Icyemezo cyo gukora iyamamaza gifashwe n'Urwego Ngenzuramikorere kigomba kuba gikubiyemo nibura ibi bikurikira:	The decision to conduct promotion issued by the Regulatory Authority must contain at least the following elements:	La décision prise par l'Autorité de Régulation en rapport avec la promotion, doit contenir au moins les éléments suivants:
1° izina ry'uwahawe uruhushya urebwa n'icyemezo;	1° the name of the concerned licensee;	1° le nom du titulaire de licence concerné;
2° incamake y'igikorwa cyamamaza;	2° the description of the promotion;	2° la description de la promotion;
3° igihe kwamamaza bizamara;	3° the duration of the promotion;	3° la durée de la promotion;
4° nomero y'ikirango iriho umukono na kashe by'Urwego Ngenzuramikorere.	4° serial number signed and sealed by the Regulatory Authority.	4° un numéro de série signé et scellé par l'Autorité de Régulation.
UMUTWE WA III: IYAMAMAZA RYA SERIVISI N'IBICURUZWA	**CHAPTER III: PROMOTION OF SERVICES AND PRODUCTS**	**CHAPITRE III: PROMOTION DES SERVICES ET DES PRODUITS**
Ingingo ya 15: Serivisi	**Article 15: Services**	**Article 15: Services**
Serivisi yose yamamazwa igomba gusobanurwa neza hatangwa ibisobanuro birambuye byerekeye ibipimo byayo ntarengwa, abo igenewe n'igihe izamara. Ibihembo bitunguranye ntibyemewe muri serivisi zo kwamamaza.	Any service which is subject to promotion must be clearly defined with details relating to its limitations, scope and duration. The surprising awards related to any promotion are not allowed.	Tout service faisant l'objet d'une promotion doit être clairement défini et contenir des détails relatifs à ses limites, à sa portée et à sa durée. Les récompenses improvisées liées à la promotion ne sont pas autorisées.
Ubutumwa bugufi butasabwe bugamije kwamamaza burabujijwe, keretse iyo	Unsolicited short messages in connection with promotion are prohibited unless the	Les messages courts non sollicités en rapport avec la promotion sont interdits, sauf si les

abafatabuguzi bisabiye iyo serivisi ku mugaragaro.	subscribers have expressly requested for that service.	abonnés ont expressément demandé ce service.
Ingingo ya 16: Ibiciro byo kwamamaza	**Article 16: Promotional tariff**	**Article 16: Tarif promotionnel**
Uwahawe uruhushya agomba gutangaza ku buryo busobanutse ibiciro byose byo kwamamaza n'akamaro bigira mu rwego rw'imari. Mu gihe cyo kwamamaza igiciro, uwahawe uruhushya ntiyemerewe: 1° guhisha cyangwa kutagaragaza ibiciro birimo gukabya no kuringaniza ibiciro; 2° kwamamaza ivangura; 3° kwamamaza igereranya ry'ibiciro ritari ryo cyangwa rikabije ku birebana n'agaciro nyakuri.	The licensee must clearly communicate all promotional tariffs and their financial implications. During the promotion of tariff, the licensee is not allowed to: 1° to hide or disguise the predatory pricing and price adjustments; 2° to promote discrimination; 3° to promote unrealistic price comparisons or exaggerated claims as to worth or value.	Le titulaire de licence doit clairement communiquer tous les tarifs promotionnels et leurs implications financières. Lors de la promotion du tarif, le titulaire n'est pas autorisé à: 1° cacher ou dissimuler les prix abusifs et des ajustements de prix; 2° promouvoir la discrimination; 3° promouvoir des comparaisons de prix irréalistes ou des affirmations exagérées quant à la valeur intrinsèque ou à la valeur faciale.
Ibiciro byo kwamamaza bigomba kubahiriza amategeko abigenga.	The promotional tariff must comply with relevant laws.	Le tarif promotionnel doit se conformer sur la législation en la matière.
Ingingo ya 17: Igihe kwamamaza bimara	**Article 17: Duration of the promotion**	**Article 17: Durée de la promotion**
Uwahawe uruhushya yamamaza igicuruzwa kimwe cyangwa serivisi inshuro enye (4) gusa mu mwaka.	A licensee conducts a promotion for the same product or service for only four (4) times a year.	Le titulaire de licence organise une promotion pour le même produit ou le même service quatre (4) fois seulement par an.
Haseguriwe ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo, Urwego Ngenzuramikorere	Notwithstanding the provisions of Paragraph One of this Article, the Regulatory Authority	Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'Autorité de

rushobora gukumira cyangwa kuburizamo ibikorwa byamamaza igicuruzwa kimwe cyangwa serivisi mu mwaka umwe.	may, in the same year, prevent or restrict any such promotion of the same product or service.	Régulation peut, au cours de la même année, empêcher ou restreindre la promotion du même produit ou du même service.
Kwamamaza igicuruzwa kimwe cyangwa serivisi ntibishobora kurenza igihe cy'ukwezi kumwe (1) mu mwaka umwe.	The promotion of same product or service cannot exceed a period of one (1) month within the same year.	La promotion d'un même produit ou du même service ne peut pas excéder la période d'un (1) mois au cours de la même année.
UMUTWE WA IV: IYAMAMAZA RY'IBICURUZWA NA SERIVISI	**CHAPTER IV: ADVERTISEMENTS OF PRODUCTS AND SERVICES**	**CHAPITRE IV: PUBLICITÉS DES PRODUITS ET DES SERVICES**
Ingingo ya 18: Uburyo bwo kwamamaza	**Article 18: Methods of advertising**	**Article 18: Modalités de publicité**
Uwahawe uruhushya agomba kwamamaza ibicuruzwa bye na serivisi agaragaza mu buryo bw'ukuri kandi busobanutse ibyo acuruza na serivisi atanga.	The licensee must advertise their products and services with accuracy and clarity of the products and services being offered.	Le titulaire de licence doit faire la publicité de ses produits et services avec précision et clarté des produits et services offerts.
Uburyo bwifashishwa mu kwamamaza ni ubu bukurikira:	The methods of advertising are as follows:	Les méthodes de publicité sont les suivantes:
1° itangazamakuru ryandika;	1° print media;	1° la presse écrite;
2° radiyo na televiziyo;	2° radio and television;	2° la radio et la télévision;
3° ubutumwa;	3° mail;	3° le courrier;
4° urubuga rwa interineti rw'uwahawe uruhushya;	4° licensee's website;	4° le site web du titulaire de licence;
5° ubutumwa koranabuhanga mu gihe	5° electronic mail where permitted by	5° courrier électronique lorsque le

uwo bugenewe yemeye kohererezwa ayo makuru yamamaza.	recipient to send such promotional material.	destinataire autorise à envoyer ce matériel promotionnel.
Igikorwa cyose cyamamaza gikubiyemo ibiterasoni cyangwa imvugo nyandagazi itari ku kigero cy'urubyiruko cyangwa abana cyangwa gikubiyemo amakuru yerekeye ubwoko cyangwa afite aho abangamira ibijyanye n'igihugu umuntu akomokamo, idini, igitsina, uburinganire hagati y'umugabo n'umugore cyangwa ikigero cy'imyaka, kirabujijwe.	The promotion containing any obscenities or profanities unsuitable for young persons and children or any racial or prejudicial content relating to national origin, religion, sex, gender or age is prohibited.	Toute promotion contenant des obscénités ou profanations inadaptées aux adolescents et aux enfants ou tout contenu racial ou préjudiciable relatif à l'origine nationale, à la religion, au sexe, au genre ou à l'âge est interdite.
Ingingo ya 19: Kwamamaza hifashishijwe imiterere y'ibiciro n'amakuru byo ku rwego rwo hejuru	**Article 19: Advertising with complicated price structures and information**	**Article 19: Publicité avec des structures de prix et informations complexes**
Kwamamaza hifashishijwe imiterere y'ibiciro n'amakuru byo ku rwego rwo hejuru ntibigomba kugaragara gusa mu bwoko bw'uburyo bwo gutumanaho bw'igihe gito nk'amaradiyo na televiziyo, ahubwo bigomba guherekezwa n'ibisobanuro birambuye ku itangazamakuru ryandika no ku rubuga rwa interineti rw'uwahawe uruhushya.	Advertising with complicated price structures and information shall not only appear in transient types of media such as radio and television but must be accompanied with detailed print media explanations, and on the licensee's website.	Les publicités présentant des structures de prix et des informations complexes doivent non seulement apparaître dans des types de moyens de communications temporaires tels que la radio et la télévision, mais aussi doivent être accompagnées des explications détaillées sur la presse écrite et sur le site web du titulaire de licence.
Uburyo bw'itumanaho bumara igihe gito bugomba korohereza abaguzi kwibonera ubutumwa bwanditse kugira ngo barusheho gusobanukirwa.	The transient media must facilitate consumers to see the print mediums for details.	Les moyens de communications temporaires doivent permettre aux consommateurs de consulter les supports imprimés pour plus de détails.

Ingingo ya 20: Kwamamaza mu buryo bugereranya imikorere	**Article 20: Comparative advertising**	**Article 20: Publicité comparative**
Kwamamaza ntibigomba gukorwa, mu buryo burenganya, butesha icyizere, bunegura cyangwa bwibasira igicuruzwa kimwe cyangwa byinshi, serivisi, kwamamaza, amasosiyete cyangwa ibigo, cyangwa bukabya ku miterere cyangwa akamaro k'itandukaniro hagati y'abapigana.	Advertisements must not, unfairly, discredit, disparage or attack one or more products, services, advertisements, companies or entities, or exaggerate the nature or importance of competitive differences.	Les publicités ne doivent pas, injustement, discréditer, dénigrer ou attaquer un ou plusieurs produits, services, publicités, sociétés ou entités, ni exagérer la nature ou l'importance des différences entre les concurrents.
Uwahawe uruhushya ntagomba kwigana imvugo cyangwa ibishushanyo by'undi wamamaza kugira ngo adatera umuguzi kugira urujijo.	No licensee shall imitate the slogans or illustrations of another advertiser in such a manner as to mislead the consumer.	Tout titulaire de licence doit éviter d'imiter les slogans ou illustrations d'un autre promoteur afin de ne pas induire le consommateur en équivoque.
UMUTWE WA V: KUGENZURA IYUBAHIRIZWA	**CHAPTER V: MONITORING OF COMPLIANCE**	**CHAPITRE V: CONTRÔLE DE LA CONFORMITÉ**
Ingingo ya 21: Gutesha agaciro iyamamaza	**Article 21: Cancellation of promotion**	**Article 21: Annulation de promotion**
Urwego Ngenzuramikorere rufite uburenganzira bwo gutesha agaciro iyamamaza iryo ari ryo ryose mbere yo gutangira kwamamaza kubera impamvu zikurikira:	The Regulatory Authority has the right to cancel any promotion prior to its commencement basing on the following:	L'Autorité de Régulation a le droit d'annuler toute promotion avant son lancement pour des raisons suivantes:
1° imyifatire ibangamiye ipiganwa;	1° anti-competitive behaviour;	1° le comportement anti-concurrentiel;
2° kwamamaza ibikorwa bifitanye isano na tombola n'imikino y'amahirwe;	2° lottery and gaming related promotions;	2° les promotions liées aux loteries et aux jeux du hasard;

3° igikorwa kibangamiye umudendezo rusange.	3° an act against public order.	3° un acte contre l'ordre public.
Urwego Ngenzuramikorere rugomba kumenyesha uwahawe uruhushya impamvu zatumye igikorwa cyo kwamamaza giteshwa agaciro.	The Regulatory Authority must communicate to the licensee the reasons for cancellation of the promotion.	L'Autorité de Régulation doit communiquer au titulaire de licence les raisons d'annulation de la promotion.
Ingingo ya 22: Guhagarika kwamamaza	**Article 22: Cessation of promotion**	**Article 22: Cessation de promotion**
Urwego Ngenzuramikorere rufite uburenganzira bwo gutegeka ko ibikorwa byose byo kwamamaza byatangiye bihagarikwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira:	The Regulatory Authority has the right to order for cessation of any promotions after the commencement of the promotion for one of the following reasons:	L'Autorité de Régulation a le droit d'ordonner la cessation de toute promotion après son début pour l'une des raisons suivantes:
1° umuyoboro urimo gukoreshwa cyane;	1° network congestion;	1° la congestion du réseau;
2° imitangire mibi ya serivisi zitangwa n'abahawe impushya;	2° poor performance in licensees' services;	2° la mauvaise performance des prestations des services fournis par les titulaires de licence;
3° iyo abaguzi bafite ibyo binubira bifite ishingiro;	3° genuine consumer complaints;	3° les plaintes fondées des consommateurs;
4° kubeshya mu bikorwa birebana no kwamamaza;	4° proved misrepresentation of any material fact in relation to the promotion;	4° la fausse déclaration de tout fait important en rapport avec la promotion;
5° kunyuranya n'ibyo yemerewe byihariye;	5° non-compliance with specific approval;	5° la violation de l'approbation spécifique;

6° guhindagura ibikubiye muri raporo cyangwa imiterere yayo.	6° variation from submitted content or context of the report.	6° la variation du rapport quant au contenu ou au contexte soumis.
Ingingo ya 23: Ingaruka zo gutesha agaciro cyangwa guhagarika iyamamaza	**Article 23: Effects of cancellation or cessation of promotion**	**Article 23: Effets de l'annulation ou de la cessation**
Akimara kubona icyemezo cyo gutesha agaciro cyangwa guhagarika ibikorwa byo kwamamaza, uwahawe uruhushya agomba guhita abihagarika.	Upon decision of cancellation or cessation, the licensee must discontinue such promotions with immediate effect.	À la suite d'une décision d'annulation ou de cessation, le titulaire de licence doit immédiatement arrêter les activités de promotion.
Ihagarikwa ry'ibikorwa byamamaza rigomba kumenyeshwa abafatabuguzi hakoreshejwe ubutumwa bugufi, itangazo rinyujijwe ku rubuga rwa interineti, itangazo rinyujijwe mu kinyamakuru cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bw'itumanaho bunoze rikoreshwa na benshi.	The discontinuation must be communicated to the subscribers via SMS, website publication, newspaper publication or any other effective medium of communication of wide circulation.	La cessation doit être communiquée aux abonnés par SMS, publication sur le site Web, publication dans un journal ou par tout autre moyen efficace de communication de large diffusion.
UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO BYAYO	**CHAPTER VI: FAULTS ND THEIR SANCTIONS**	**CHAPITRE VI: FAUTES ET LEURS SANCTIONS**
Ingingo ya 24: Kwamamaza mu buryo budateganyijwe	**Article 24: Defaulting in promotions**	**Article 24: Défaillance lors de promotion**
Uwahawe uruhushya bireba ukoze kimwe mu bikorwa bikurikira:	The concerned licensee who commits one of the following acts,	Le titulaire de licence concerné qui commet l'un des actes suivants:
1° gukomeza kwamamaza nta raporo ikubiyemo ibisobanuro yahaye Urwego Ngenzuramikorere uhereye ku itariki nyakuri	1° proceeding with the promotions without providing the relevant descriptive report to the Regulatory Authority with effect from the	1° procéder aux promotions sans fournir le rapport descriptif correspondant à l'Autorité de Régulation à compter de la date

kwamamaza byabereyeho;	actual date of the promotion;	effective de la promotion;
2° gukomeza kwamamaza nyuma y'amabwiriza yo gusesa cyangwa guhagarika ibikorwa byo kwamamaza yatanzwe n'Urwego Ngenzuramikorere, uhereye ku itariki ukora ibyo ibikorwa yaboneyeho ayo mabwiriza;	2° proceeding with the promotion after an order of cancellation or cessation by the Regulatory Authority, with effect from the effective date of notification of the order;	2° procéder aux promotions en dépit d'un avis d'annulation ou de cessation délivré par l'Autorité de Régulation, à compter de la date de réception;
3° kugira igihe cyo kwamamaza kirenze icyateganyijwe n'aya mabwiriza uhereye ku itariki cyongerewe,	3° having a promotion period more than what is provided for by this regulation from the date of the extension,	3° avoir une période de promotion supérieure à celle prévue par le présent règlement à compter de la date de prolongation,
aba akoze ikosa kandi ahanishwa kwishyura ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itarenga miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ku munsi.	commits a fault and is liable to a maximum fine of five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) per day.	commet une faute et est passible d'une amende maximale de cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) par jour.
Ingingo ya 25: Kutubahiriza icyemezo cyangwa umurongo ngenderwaho byo kwamamaza	**Article 25: Non-compliance with an order or a directive relating to promotion**	**Article 25: Manquement à une décision ou une directive concernant la promotion**
Uwahawe uruhushya utubahiriza icyemezo icyo ari cyo cyose cyihariye cyangwa umurongo ngenderwaho byatanzwe n'Urwego Ngenzuramikorere ku bijyanye n'igikorwa cyo kwamamaza, aba akoze ikosa kandi ahanishwa kwishyura ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itarenga miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) buri munsi atabyubahirije.	The licensee who fails to comply with any specific order or directive of the Regulatory Authority in relation to the concerned promotion, commits a fault and is liable to a maximum fine of five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) per day of its non-compliance.	Le titulaire de la licence qui ne se conforme pas à une décision ou à une directive spécifique de l'Autorité de Régulation en ce qui concerne la promotion concernée, commet une faute et est passible d'une amende maximale de cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) par jour de non-conformité.

Ingingo ya 26: Gutanga amakuru atari ay'ukuri cyangwa ayobya	**Article 26: Provide false or misleading information**	**Article 26: Fourniture des informations falsifiées ou trompeuses**
Uwahawe uruhushya uha Urwego Ngenzuramikorere amakuru atari ay'ukuri cyangwa ayobya abigambiriye kugira ngo hakorwe ibikorwa byo kwamamaza, utangaza amakuru atari ay'ukuri cyangwa ayobya rubanda, aba akoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).	The licensee who provides the falsified or misleading information to the Regulatory Authority for the purposes of the promotion, falsified or misleading information to the general public, commits a fault and is liable a maximum fine of ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).	Le titulaire de la licence fournit des informations falsifiées ou trompeuses à l'Autorité de Régulation aux fins de la promotion ou fournir des informations falsifiées ou trompeuses au grand public, commet une faute et est passible d'une amende maximale de dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
UMUTWE WA VII: UBUBASHA BWO GUHANA AMAKOSA N'UBUJURIRE	**CHAPTER VII: POWERS TO IMPOSE SANCTIONS AND APPEAL**	**CHAPITRE VII: POUVOIRS D'INFLIGER LES SANCTIONS ET LES RECOURS**
Ingingo ya 27: Ububasha bwo guhana amakosa	**Article 27: Powers to impose sanctions**	**Article 27: Pouvoirs d'infliger les sanctions**
Haseguriwe ibindi bihano biteganyijwe n'andi mategeko abigenga, Urwego Ngenzuramikorere ni rwo rutanga ibihano biteganyijwe ku bahawe impushya bakoze amakosa.	Notwithstanding other sanctions provided for in other relevant laws, the Regulatory Authority imposes the provided sanctions the defaulting licensees.	Sans préjudice des autres sanctions prévues par d'autres lois en la matière, l'Autorité de Régulation impose des sanctions prévues aux titulaires des licences défaillantes.
Ingingo ya 28: Uburenganzira bwo kujurira	**Article 28: Right of appeal**	**Article 28: Droit de recours**
Uwahawe uruhushya afite uburenganzira bwo kujuririra Inama Ngenzuramikorere, iyo kwamamaza serivisi ze cyangwa ibicuruzwa bye kwaburijwemo n'Urwego Ngenzuramikorere.	A dissatisfied licensee has right to appeal before the Regulatory Board if the promotion of his or her service or product is cancelled by the Regulatory Authority.	Le titulaire de licence a le droit de faire appel devant le Conseil de Régulation, lorsque l'Autorité de Régulation annule la promotion de son service ou son produit,

Ingingo ya 29: Inzira zo kujurira	**Article 29: Procedure for appeal**	**Article 29: Voies de recours**
Ubujurire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa Perezida w'Inama Ngenzuramikorere mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) y'akazi ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cyafatiweho. Uwahawe uruhushya bireba agomba kugaragaza impamvu ashingiraho ajurira.	The appeal is done in writing and addressed to the Chairperson of the Regulatory Board within a period of thirty (30) working days counted from the date of the decision. The concerned- licensee must provide the grounds of such appeal.	L'appel est fait par écrit et adressé au Président du Conseil de Régulation endéans trente (30) jours ouvrables à compter de la date de la décision. Le titulaire de licence concerné doit exposer les motifs de cet appel.
Inama Ngenzuramikorere ishobora gufata icyemezo cyo kumva uwafashe icyemezo n'utaracyishimiye kandi icyemezo cy'Inama Ngenzuramikorere kimenyeshwa uwahawe uruhushya mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi w'ubujurire.	The Regulatory Board may decide to call a hearing and the decision of the Regulatory Board is communicated to the licensee within seven (7) working days from the date of the appeal.	Le Conseil de Régulation peut décider de convoquer une audience et sa décision est communiquée au titulaire de licence dans un délai de sept (7) jours ouvrables comptés à partir du jour de l'appel.
Icyemezo cy'Inama Ngenzuramikorere kigomba gukurikizwa, keretse iyo urukiko rubifitiye ububasha rufashe icyemezo kikivuguruza.	The decision of the Regulatory Board is binding unless overruled by a competent court.	La décision du Conseil de Régulation est contraignante, sauf décision contraire du tribunal compétent.
UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VIII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'amabwiriza n'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**Article 30: Repealing provision**	**Article 30: Disposition abrogatoire**
Amabwiriza n° 002/RURA/2011 yo ku wa 06 Gicurasi 2011 yerekeye ibikorwa byo kwamamaza bikozwe n'abacuruza serivisi z'itumanaho n'ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije n'ayo	Regulation n° 002/RURA/2011 of 06th May 2011 on promotions by telecommunications operators and all prior provisions contrary to this regulation are repealed.	Le règlement n° 002/RURA/2011 du 6 mai 2011 relatif aux promotions des opérateurs de télécommunication et toutes les dispositions antérieures contraires au présent règlement sont abrogés.

bivanyweho. **Ingingo ya 31: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa** Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yemerejweho akanashyirwaho umukono na Perezida w'Inama Ngenzuramikorere.	**Article 31: Commencement** This regulation comes into force on the date of its approval and signature by the Chairperson of the Regulatory Board.	**Article 31: Entrée en vigueur** Le présent règlement entre en vigueur le jour de son approbation et de sa signature par le Président du Conseil de Régulation.
Kigali, ku wa 26/07/2016 **(sé)** **Eng. UWINEZA RUHAMYA Colette** Perezida w'Inama Ngenzuramikorere	Kigali, on 26/07/2016 **(sé)** **Eng. UWINEZA RUHAMYA Colette** Chairperson of the Regulatory Board	Kigali, le 26/07/2016 **(sé)** **Eng. UWINEZA RUHAMYA Colette** Président du Conseil de Régulation

UMUGEREKA W'AMABWIRIZA Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 YO KU WA 26/07/2016 YEREKEYE IYAMAMAZA RIKORWA N'ABACURUZA SERIVISI Z'ITUMANAHO	**ANNEX TO REGULATION Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 OF 26/07/2016 ON PROMOTION BY TELECOMMUNICATION OPERATORS**	**ANNEXE AU REGLÈMENT Nº 001/R/CA-MCA/RURA/016 DU 26/07/2016 RELATIF À LA PROMOTION PAR LES OPÉRATEURS DE TÉLÉCOMMUNICATION**

IFISHI YA RAPORO IKUBIYEMO IBISOBANURO

1. Amazina y'ucuruza /uwahawe uruhushya
……
2. Nomero iranga uwahawe uruhushya
……
3. Nomero n'itariki by'iyandikwa hakurikijwe itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi
……
……
4. Aderesi abarizwaho
……..
……..
……..
5. Aderesi, email, fagisi na nimero ya telefoni akoresha
…….....
……
6. Igisobanuro kirambuye cy'igikorwa cyo kwamamaza
…….....
…….....

7. Itangazamakuru rizifashishwa mu kwamamaza (Shyiraho akamenyetso)

Radiyo ( ) Itangazamakuru ryandika ( ) SMS ( ) Urubuga rwa interineti ( ) Televiziyo ( ) CD-ROM ( )

8. Ubundi bwoko (sobanura birambuye)

……
……
……
9. Urutonde rw'imigereka yatanzwe
……
……
……..
10. Itariki yo gutangira
…….....
11. Itariki yo gusoza
…….....
12. Ibihembo bizatangwa, iyo bihari
…….....
…….....
13. Ibisabwa mu kwitabira kwamamaza
…….....
…….....
…….....
14. Uburyo bwo kwitabira
…….....
…….....
15. Uburyo bwo kumenyekanisha
…….....
…….....

16. Uburyo bwo kwishyuza ibihembo
…….....
.....…….....
…….....
17. Uburyo bwo gutoranya abatsindiye ibihembo bikorwa
…….....
……

…….....
18. Agace k'ahantu n'umuguzi (abaguzi) bagenewe igikorwa cyamamaza
…….....
…….....
19. Igihe bikwiriye, vuga nyiri uburenganzira ku gihangano cy'ubutumwa utambutsa.
…….....
…….....
…….....
20. Gusobanura neza niba abazatsinda bazifashishwa mu gikorwa cyo kwamamaza kizakurikira
…….....
21. Ibisobanuro birambuye by'izindi mpamvu zishobora gutuma abaguzi bafata ibyemezo cyangwa basobanukirwa igikorwa cyo kwamamaza
…….....
…….....
Itariki raporo itangiwe n'umukono w'uhagarariye uwahawe uruhushya ……

Izina ry'Umuhagarariye …….

Icyo ashinzwe……

Itangazo rigaragaza ko raporo itanzwe
……
……
Kashe y'ucuruza/uwahawe uruhushya
……

Kigali, ku wa 26 Nyakanga 2016

(sé)

Eng. UWINEZA RUHAMYA Colette
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere

FORM OF DESCRIPTIVE REPORT

1. Names of Operator/Licensee
……
2. Licensee number
……
3.Number and date of registration according to Law governing companies
……
……
4. Registered address
……..
……
……
5. Contact address, email, fax, telephone number
…….....
……
6. Detailed description of promotion
…….....
…….....

7. Media to be utilized for promotion (tick as appropriate)

Radio ( ) Print ( ) SMS ( ) Web ( ) Television ( ) CD-ROM ( )

8. Other formats (please detail)
……
……
……
9. List of attachments submitted
……
……
……..

10. Commencement date
……
11. Closing date
……
12. Prizes to be won, if any
……
……
13. Conditions of participation
……
……
……
14. Mode of participation
……
……
15. Mode of notification
……
……

16. Mode of claiming prizes
……
……
……
17. Process of selecting winners
……
……
……
18. Geographical location and targeted consumer (s)
……
……
19. Where appropriate, state who owns the copyright of the entries.
……

…….....
…….....
20. State clearly whether winners will be used in post-event publicity
…….....
21. Details of any other factors likely to influence consumers'decisions or understanding of the promotion
…….....
…….....
Date of submission of report and Signature of licensee's representative ……

Name of representative …….

Designation……

Declaration Statement
……
……
Seal of Operator/Licensee
…… ……

Kigali, 26th July 2016

(sé)

Eng. UWINEZA RUHAMYA Colette
Chairperson of the Regulatory Board

FORMULAIRE DU RAPPORT DESCRIPTIF

1. Noms d'Opérateur / Titulaire de licence
……
2. Numéro de Titulaire de licence
……
3.Numéro et date d'enregistrement en vertu de la loi régissant les sociétés commerciales
……
……
4. Adresse enregistrée
……
....
....
....
5. Adresse, email, fax, numéro de téléphone de contact
…… ....
……
6. Description détaillée de la promotion
…… ....
…… ....
…… ....

7. Supports à utiliser pour la promotion (cocher la case correspondante)

Radio ( ) Presse écrite ( ) SMS ( ) Web ( ) Télévision ( ) CD-ROM ( )

8. Autres formats (veuillez préciser)
……
……
……
9. Liste des pièces jointes soumises
……

……
……
10. Date de début
…… ....
11. Date de clôture
…… ....
12. Prix à gagner, le cas échéant
…… ....
…… ....
…… ....
13. Conditions de participation
…… ....
…… ....
…… ....
…… ....
14. Mode de participation
…… ....
…… ....
…… ....
15. Mode de notification
…… ....
…… ....

16. Mode de réclamation des prix
…… ....
..... …… ....
…… ....
…… ....
17. Processus de sélection des gagnants
…… ....
……
…… ....

…… ....
18. Emplacement géographique et consommateur (s) ciblé (s)
…… .....
…… .....
19. Le cas échéant, indiquez le propriétaire du droit d'auteur sur les entrées.
……..... .....
……..... .....
…….....
20. Indiquer clairement si les gagnants seront utilisés dans la publicité post-événement
…… ....
21. Détails de tout autre facteur susceptible d'influencer les décisions des consommateurs ou la compréhension de la promotion
…… ....
…… ....
Date de soumission de rapport et signature du représentant du titulaire de licence
……
Nom du représentant …….

Désignation ……

Rapport de la déclaration……
……

Cachet d'Opérateur/Titulaire de licence
……

Kigali, le 26 juillet 2016

(sé)

Eng. UWINEZA RUHAMYA Colette
Président du Conseil de Régulation